ITEGEKO Nº14/2016 RYO KU WA 02/05/2016 RIGENGA UBUFATANYE BW'INZEGO ZA LETA N'ABIKORERA

LAW Nº14/2016 OF 02/05/2016 GOVERNING PUBLIC PRIVATE PARTNERSHIPS

LOI Nº14/2016 DU 02/05/2016 REGISSANT LES PARTENARIATS PUBLIC-PRIVE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier: Objet de la présente loi**
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions of terms**	**Article 2: Définitions des termes**
Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko	**Article 3: Scope of this Law**	**Article 3: Champ d'application de la présente loi**
Ingingo ya 4: Ibitarebwa n'iri tegeko	**Article 4: Scope of non-application of this Law**	**Article 4: Champ de non-application de la présente loi**
Ingingo ya 5: Ibyiciro PPP ishobora gukorwamo	**Article 5: Potential sectors for PPPs**	**Article 5: Secteurs potentiels pour les PPP**
UMUTWE WA II: INZEGO ZA LETA ZIGIRA URUHARE MURI PPP N'INSHINGANO ZAZO	**CHAPTER II: PUBLIC INSTITUTIONS PLAYING A ROLE IN PPP AND THEIR RESPONSIBILITIES**	**CHAPITRE II: INSTITUTIONS PUBLIQUES JOUANT UN ROLE DANS LE PPP ET LEURS ATTRIBUTIONS**
Ingingo ya 6: Inzego za Leta zigira uruhare muri PPP	**Article 6: Public institutions playing a role in PPP**	**Article 6: Institutions publiques jouant un rôle dans le PPP**
Ingingo ya 7: Abagize Komite Nyobozi n'imikorere yayo	**Article 7: Composition and functioning of the Steering Committee**	**Article 7: Composition et fonctionnement du Comité Directeur**

Ingingo ya 8: Inshingano za Komite Nyobozi

Ingingo ya 9: Inshingano z'Urwego rukora amasezerano

Ingingo ya 10: Uruhare rw'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda

UMUTWE WA III: AMASEZERANO YA PPP

Ingingo ya 11: Uburenganzira bwo gukora amasezerano ya PPP

Ingingo ya 12: Ibikubiye mu masezerano ya PPP

UMUTWE WA IV: UBURYO BWO GUKORESHA IPIGANWA MU MUSHINGA WA PPP

Ingingo ya 13: Inyigo y'ikoreka ry'umushinga wa PPP

Ingingo ya 14: Kwemeza inyigo y'ikoreka ry'umushinga wa PPP

Ingingo ya 15: Amahame agenga ipiganwa mu mushinga wa PPP

Ingingo ya 16: Gusaba kugaragaza ubushake bwo gupiganwa

Article 8: Responsibilities of the Steering Committee

Article 9: Responsibilities of the Contracting Authority

Article 10: Role of Rwanda Development Board

CHAPTER III: PPP AGREEMENT

Article 11: Authorization to enter into PPP Agreements

Article 12: Provisions of a PPP agreement

CHAPTER IV: COMPETITIVE PROCUREMENT PROCEDURE FOR A PPP PROJECT

Article 13: Feasibility study for a PPP project

Article 14: Approval of a PPP project feasibility study

Article 15: Principles regulating competitive procurement in a PPP project

Article 16: Request for expressions of interest

Article 8: Attributions du Comité Directeur

Article 9: Attributions de l'Autorité contractante

Article 10: Rôle de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda

CHAPITRE III: ACCORD DE PPP

Article 11: Autorisation de conclure des accords de PPP

Article 12: Dispositions d'un accord de PPP

CHAPITRE IV: PROCEDURE DE COMPETITION POUR LA PASSATION DE MARCHE POUR UN PROJET DE PPP

Article 13: Etude de faisabilité d'un projet de PPP

Article 14: Approbation de l'étude de faisabilité d'un projet de PPP

Article 15: Principes régissant la compétition pour la passation de marché dans un projet de PPP

Article 16: Demande de manifestations d'intérêt

<u>Ingingo ya 17</u>: Gupiganira umushinga wa PPP bikorewe mu itsinda	**<u>Article 17</u>: Participation of a bidding consortium for a PPP project**	**<u>Article 17:</u> Soumission en consortium à un projet de PPP**
<u>Ingingo ya 18</u>: Gukora no kwemeza urutonde rw'abapiganwa	**<u>Article 18</u>: Shortlist and approval of bidders**	**<u>Article 18:</u> Présélection et approbation des soumissionnaires**
<u>Ingingo ya 19</u>: Ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa	**<u>Article 19</u>: Bidding documents**	**<u>Article 19:</u> Dossiers d'appel d'offres**
<u>Ingingo ya 20</u>: Uburyo bw'ibyiciro bibiri mu gusaba gutanga inyandiko z'ipiganwa	**<u>Article 20:</u> Two-stage competitive procurement procedure**	**<u>Article 20</u>: Procédure de sollicitation des propositions à deux étapes**
<u>Ingingo ya 21:</u> Gusesengura inyandiko z'ipiganwa no kwemeza raporo	**<u>Article 21</u>: Evaluation of bids documents and approval of the report**	**<u>Article 21:</u> Evaluation des dossiers d'offres et approbation du rapport**
<u>Ingingo ya 22</u>: Gusaba kurenganurwa ku birebana n'ipiganwa mu mushinga wa PPP	**<u>Article 22</u>: Filing a complaint regarding competitive procurement procedures for a PPP project**	**<u>Article 22:</u> Plainte en rapport avec la procédure de passation de marché en compétition pour un projet de PPP**
<u>Ingingo ya 23</u>: Imishyikirano ku masezerano ya PPP	**<u>Article 23:</u> Negotiation of a PPP agreement**	**<u>Article 23:</u> Négociation d'un contrat de PPP**
<u>Ingingo ya 24</u>: Gushyira umukono ku masezerano ya PPP	**<u>Article 24:</u> Signing of a PPP agreement**	**<u>Article 24:</u> Signature d'un accord de PPP**
<u>UMUTWE WA V</u>: AMASEZERANO YA PPP AKORWA BITANYUZE MU IPIGANWA	**<u>CHAPTER V:</u> PPP PROCUREMENT PROCEDURE FOR UNSOLICITED PROPOSAL**	**<u>CHAPITRE V:</u> PROCEDURE DE PASSATION DE MARCHES EN CAS D'UNE OFFRE NON SOLLICITEE**
<u>Ingingo ya 25</u>: Igihe amasezerano ya PPP akorwa bitanyuze mu ipiganwa	**<u>Article 25:</u> Circumstances under which procurement procedure for unsolicited proposal is required**	**<u>Article 25:</u> Circonstances requérant la procédure de passation de marché d'une offre non sollicitée**
<u>Ingingo ya 26</u>: Isuzuma ry'ibanze ry'inyandiko y'umushinga wa PPP	**<u>Article 26</u>: Preliminary processing of a PPP project**	**<u>Article 26:</u> Analyse préliminaire d'un projet de PPP**

Ingingo ya 27: Gukora no kwemeza inyigo y'ikoreka ry'umushinga wa PPP ukozwe bitanyuze mu ipiganwa

Ingingo ya 28: Kugira imishyikirano ku masezerano ya PPP no kuyashyiraho umukono

UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 29: Ibanga mu mushinga wa PPP

Ingingo ya 30: Ihezwa mu mushinga wa PPP

Ingingo ya 31: Ububasha bwo guheza umufatanyabikorwa mu mushinga wa PPP

Ingingo ya 32: Agaciro k'ibyakozwe mbere y'iri tegeko

Ingingo ya 33: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Ingingo ya 34: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 35: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 27: Development and approval of a feasibility study of a PPP project in case of an unsolicited proposal

Article 28: Negotiations and signing of a PPP agreement

CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 29: Confidentiality in a PPP project

Article 30: Disqualification from PPP project

Article 31: Power to disqualify a partner from a PPP project

Article 32: Validity of acts performed prior to this Law

Article 33: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 34: Repealing provision

Article 35: Commencement

Article 27: Elaboration et approbation d'une étude de faisabilité d'un projet de PPP dans le cas d'une offre non sollicitée

Article 28: Négociations et signature d'un accord de PPP

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 29: Confidentialité dans un projet de PPP

Article 30: Disqualification du projet de PPP

Article 31: Pouvoir de disqualifier un partenaire d'un projet de PPP

Article 32: Validité des actes posés avant la présente loi

Article 33: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Article 34: Disposition abrogatoire

Article 35: Entrée en vigueur

ITEGEKO Nº 14/2016 RYO KU WA 02/05/2016 RIGENGA UBUFATANYE BW'INZEGO ZA LETA N'ABIKORERA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 2 Werurwe 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

YEMEJE:

LAW Nº 14/2016 OF 02/05/2016 GOVERNING PUBLIC PRIVATE PARTNERSHIPS

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 2 March 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

ADOPTS:

LOI Nº 14/2016 DU 02/05/2016 REGISSANT LES PARTENARIATS PUBLIC-PRIVE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 2 mars 2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga ubufatanye bw'inzego za Leta n'abikorera bwitwa **"PPP"** mu magambo ahinnye y'Icyongereza mu ngingo zikurikira.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1º **amasezerano ya PPP:** amasezerano yanditse akozwe hagati y'urwego rukora amasezerano n'umufatanyabikorwa agaragaza ibigize umushinga wa PPP;

2º **inyandiko yatanzwe nta butumire ku ipiganwa:** inyandiko igamije gutangira PPP nta tangazo ryatanzwe rihamagarira ipiganwa;

3º **Komite Nyobozi:** urwego rushinzwe kwemeza no gukurikirana umushinga wa PPP;

4º **umufatanyabikorwa:** uwikorera ufite ubushobozi bwo kugirana amasezerano ya PPP n'urwego rukora amasezerano;

5º **Urwego rukora amasezerano:** urwego rwa Leta rurebwa n'amasezerano ya PPP mu bikorwa rufite mu nshingano zarwo;

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law governs public private partnerships hereinafter abbreviated as "**PPP**".

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms are defined as follows:

1° **PPP agreement:** a written contract concluded between a Contracting Authority and a partner recording the terms of a PPP project;

2° **unsolicited proposal:** a proposal to undertake a PPP project that is not in response to an expressed request for proposals;

3° **Steering Committee:** the body in charge of approval and oversight of a PPP project;

4° **partner:** a private party who is competent to contract a PPP agreement with the Contracting Authority;

5° **Contracting Authority:** a public institution in charge of PPP agreement;

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi régit les partenariats public-privé ci-dessous dénommés « **PPP »** en sigle Anglais.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes suivants ont des significations suivantes:

1° **accord de PPP:** contrat écrit conclu entre l'autorité contractante et un partenaire contenant des clauses du projet de PPP;

2° **offre non sollicitée:** offre d'initiation d'un projet de PPP, soumise sans qu'il y ait d'appel d'offres;

3° **Comité Directeur:** organe chargé d'approuver et de superviser un projet de PPP;

4° **partenaire:** un privé compétent pour conclure un accord de PPP avec l'autorité contractante;

5° **Autorité contractante:** une institution publique ayant l'accord de PPP dans ses attributions ;

6º **urwego rukoreshwa ku mpamvu zihariye:** ikigo gishyirwaho n'uruhande rwikorera hagamijwe cyane cyane gushyira mu bikorwa umushinga w'ubufatanye hagati y'inzego za Leta n'abikorera kandi kikagirana amasezerano y'ubufatanye hagati y'izo nzego zombi.

<u>Ingingo ya 3</u>: Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba uburyo bwa PPP bukurikira:

1º amasezerano yo gucunga umutungo, aho urwego rukora amasezerano ruha umufatanyabikorwa uburenganzira bwo gucunga igikorwa remezo cyangwa undi mutungo no gutanga serivisi zijyanye nabyo, mu gihe cyumvikanyweho;

2º "Build-Operate-Own" "BOO" aho uwikorera ashora imari ahanga, yubaka, akegukana kandi agakoresha igikorwa remezo cyangwa ibindi bikorwa bigamije gutanga serivisi;

3º **"**Build-Operate-Transfer" "BOT**",** aho umufatanyabikorwa ashora imari ahanga, yubaka igikorwa remezo cyangwa ibindi bikorwa bigamije gutanga serivisi kandi akabibungabunga kugeza abishyikirije Leta mu gihe bumvikanyeho;

6° **special purpose vehicle:** a corporate entity incorporated by a private party specifically for the purpose of implementing a public private partnership project and entering into a partnership agreement with both sectors.

<u>Article 3:</u> Scope of this Law

This Law applies to the following PPP arrangements:

1º management contract, whereby a Contracting Authority awards a partner the right to manage and perform a specific service with respect to an infrastructure facility or other asset for an agreed time period;

2º **"**Build-Operate-Own" "BOO", whereby a private partner finances, designs, constructs, owns and operates an infrastructure facility or other asset to provide services;

3º **"**Build-Operate-Transfer" or "BOT", whereby a partner finances, designs, constructs an infrastructure facility or other asset to provide services and maintains it for an agreed time period after which a transfer of the infrastructure facility or other asset is made to the Government;

6° **organe à objectif spécial:** entité établie par une partie privée à des fins spéciales de mettre en œuvre un projet de partenariat public-privé et de conclure un accord de partenariat entre les deux secteurs.

<u>Article 3:</u> Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique aux ententes suivantes de PPP:

1º contrat de gestion par lequel l'Autorité contractante attribue à un partenaire le droit de gérer et donner certains services en rapport avec les équipements en infrastructure ou un autre patrimoine pour un temps convenu;

2º **"**Build-Operate-Own" "BOO", par lequel le partenaire privé finance, conçoit, construit, s'approprie et gère un équipement en infrastructure ou un autre bien pour donner des services;

3º "Build-Operate-Transfer" "BOT", par lequel le partenaire finance, conçoit, construit un équipement en infrastructure ou un autre bien pour donner des services et le maintient jusqu'au moment convenu du transfert de cet équipement ou bien à l'Etat;

4º "Lease-Operate-Develop" "LOD", aho Urwego rukora amasezerano ruha umufatanyabikorwa uburenganzira bwo gukoresha igikorwa remezo cyangwa undi mutungo ku buryo bw'ubukode mu gihe cyumvikanyweho akanacyongerera agaciro.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena ubundi buryo bwa PPP.

Ingingo ya 4: Ibitarebwa n'iri tegeko

Iri tegeko ntirireba:

1° amasezerano akorwa hakurikijwe itegeko ry'amasoko ya Leta;

2° ibyerekeranye n'uburyo Leta yegurira ibigo, umutungo n'ibikorwa byayo abikorera.

Ingingo ya 5: Ibyiciro PPP ishobora gukorwamo

PPP ishobora gukorwa mu bikorwa remezo na serivisi mu byiciro bikurikira:

1° ubwikorezi harimo nk'imihanda, inzira ya gari ya moshi, ibibuga by'indege, ibiraro, inzira zica mu butaka, ibyambu by'amato n'ibyambu byo ku butaka;

2° ingufu harimo nk'izikomoka ku mazi, kuri gazi, ku mirasire y'izuba, ku muyaga, ku

4º "Lease-Operate-Develop" "LOD", whereby the Contracting Authority grants a Partner a lease to operate and develop an existing infrastructure facility or other asset for an agreed time.

An Order of the Prime Minister may prescribe any other PPP arrangement.

Article 4: Scope of non-application of this Law

This Law does not apply to:

1° contracts subject to the law governing public procurement;

2° the privatization or divestiture of enterprises, assets and any infrastructure facility owned by the Government.

Article 5: Potential sectors for PPPs

Potential sectors for PPPs in infrastructure and services are the following:

1° transportation, including roads, railways, airports, bridges, tunnels, waterways and inland ports;

2° energy including water energy, gas energy, solar energy, wind energy,

4º "Lease-Operate-Develop" "LOD", par lequel l'Autorité contractante accorde à un partenaire le droit de gérer et d'améliorer un équipement en infrastructure ou un autre bien sous forme de bail pour un temps convenu.

Un arrêté du Premier Ministre peut prévoir toute autre entente de PPP.

Article 4: Champ de non-application de la présente loi

La présente loi ne s'applique pas :

1° aux contrats conclus conformément à la loi sur les marchés publics ;

2° à la privatisation ou à la cession des entreprises, biens et équipements en infrastructure de l'Etat.

Article 5: Secteurs potentiels pour les PPP

Les secteurs potentiels pour les PPP en infrastructures et services sont les suivants:

1° le transport notamment les routes, chemins de fer, aéroports, ponts, tunnels, ports sur mer et ports sur terre;

2° l'énergie, notamment l'énergie hydraulique, l'énergie solaire, l'énergie éolienne, l'énergie thermique, le biogaz et la tourbe;

mashyuza, kuri biyogazi no kuri nyiramugengeri;

3° imibereho myiza harimo nk'ibijyanye n'uburezi, umuco, ubuzima, imikino n'imyidagaduro;

4° ubukerarugendo harimo nk' ubushingiye ku mateka, amahoteli, pariki n'ahantu nyaburanga;

5° umutungo kamere n'ibidukikije, harimo nk'amashyamba, peteroli n'ibiyikomokaho, amabuye y'agaciro, amazi no gutunganya imyanda;

6° itumanaho n'ikoranabuhanga;

7° ibindi byiciro byagenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA II: INZEGO ZA LETA ZIGIRA URUHARE MURI PPP N'INSHINGANO ZAZO

Ingingo ya 6: Inzego za Leta zigira uruhare muri PPP

Inzego za Leta zigira uruhare muri PPP ni izi zikurikira:

1° Komite Nyobozi ;
2° Urwego rukora amasezerano ;

geothermal energy, biogas energy and peat;

3° social affairs, including those related to education, culture, health, sports and leisure;

4° tourism, including tourism related to history, hotels, parks and tourism attractions;

5° natural resources and environment, including those related to forestry, oil and oil products, minerals, water sanitation and waste disposal;

6° telecommunication and information technology;

7° any other sectors as may be determined by an Order of Prime Minister.

CHAPTER II: PUBLIC INSTITUTIONS PLAYING A ROLE IN PPP AND THEIR RESPONSIBILITIES

Article 6: Public institutions playing a role in PPP

Public institutions playing role in PPP are the following:

1° Steering Committee;
2° Contracting Authority;

3° les affaires sociales notamment en rapport avec l'éducation, la culture, la santé, les sports et loisirs;

4° le tourisme, notamment le tourisme en rapport avec l'histoire, les hôtels, les parcs et lieux touristiques;

5° les ressources naturelles et environnement, notamment les forêts, le pétrole et les produits pétroliers, les minéraux, l'assainissement de l'eau et le traitement des déchets;

6° télécommunication et technologie d'information;

7° d'autres secteurs qui peuvent être déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE II: INSTITUTIONS PUBLIQUES JOUANT UN ROLE DANS LE PPP ET LEURS ATTRIBUTIONS

Article 6: Institutions publiques jouant un rôle dans le PPP

Les institutions publiques jouant un rôle dans le PPP sont les suivantes:

1° le Comité Directeur ;
2° l'Autorité contractante ;

3° Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda.

Ingingo ya 7: Abagize Komite Nyobozi n'imikorere yayo

Komite Nyobozi igizwe n'aba bakurikira:

1° Minisitiri ufite imari n'igenamigambi mu nshingano ze;

2° Minisitiri ufite ibikorwa remezo mu nshingano ze;

3° Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda ;

4° Umuyobozi w'Urwego rukora amasezerano uhinduka bitewe n'umushinga wa PPP wigwaho.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imikorere ya Komite Nyobozi.

Ingingo ya 8: Inshingano za Komite Nyobozi

Komite Nyobozi ifite inshingano zo kwemeza no gukurikirana imishinga ya PPP.

By'umwihariko Komite Nyobozi ishinzwe kwemeza ibi bikurikira:

3° Rwanda Development Board.

Article 7: Composition and functioning of the Steering Committee

The Steering Committee is composed of the following persons:

1º the Minister in charge of finance and economic planning;

2º the Minister in charge of infrastructure;

3º the Chief Executive Officer of Rwanda Development Board;

4º the Head of the Contracting Authority depending on the PPP project under study.

An Order of Prime Minister determines the functioning of the Steering Committee.

Article 8: Responsibilities of the Steering Committee

The Steering Committee has the responsibility to approve and oversee PPP projects.

The Steering Committee is specifically responsible for approving the following:

3° l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda.

Article 7: Composition et fonctionnement du Comité Directeur

Le Comité Directeur est composé des personnes suivantes :

1º le Ministre ayant les finances et la planification économique dans ses attributions ;

2º le Ministre ayant les infrastructures dans ses attributions ;

3º le Directeur Général de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda ;

4º le Responsable de l'Autorité contractante qui change suivant le projet de PPP sous étude.

Un arrêté du Premier Ministre détermine le fonctionnement du Comité Directeur.

Article 8: Attributions du Comité Directeur

Le Comité Directeur est chargé d'approuver et de superviser les projets de PPP.

Le Comité Directeur est plus particulièrement chargé d'approuver ce qui suit :

1° urutonde rw'abatoranyijwe bemerewe gupiganwa mu mushinga wa PPP;

2° uwemerewe gukora umushinga wa PPP.

Komite Nyobozi ishobora kwifashisha abatekinisiye n'abahanga igihe bibaye ngombwa kugira ngo igere ku nshingano zayo.

Ingingo ya 9: Inshingano z'Urwego rukora amasezerano

Inshingano z'Urwego rukora amasezerano ni izi zikurikira:

1° kugaragaza umushinga wa PPP no kuwushyikiriza Komite Nyobozi;

2° gukora inyigo y'ikoreka ry'umushinga wa PPP no kuyishyikiriza Komite Nyobozi;

3° gusesengura inyigo y'ikoreka igihe yakozwe n'umufatanyabikorwa;

4° gukora imirimo yose ijyanye n'ipiganwa mu mushinga wa PPP hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko no gutanga raporo kuri Komite Nyobozi ku ntera zimaze kugerwaho;

5° gushyira umukono ku masezerano ya PPP hamwe n'umufatanyabikorwa cyangwa urwego rukoreshwa ku mpamvu zihariye;

1° the shortlisted bidders for a PPP project;

2° the preferred bidder for a PPP project.

The Steering Committee may, if necessary, seek the assistance of technicians and experts in order to fulfil its responsibilities.

Article 9: Responsibilities of the Contracting Authority

The responsibilities of Contracting Authority are the following:

1° identify a PPP project and submit it to the Steering Committee;

2° undertake a PPP project feasibility study and submit it to the Steering Committee;

3° analyse a feasibility study where it was developed by a partner;

4° perform all activities related to the procurement procedure for PPP projects in accordance with the provisions of this Law and deliver reports to the Steering Committee regarding steps taken during the procurement procedure;

5° enter into a PPP agreement with a partner or a special purpose vehicle;

1° la liste des soumissionnaires présélectionnés pour un projet de PPP ;

2° le soumissionnaire préférentiel pour un projet de PPP.

Le Comité Directeur peut, en cas de nécessité, demander l'assistance des techniciens et des experts pour remplir ses attributions.

Article 9: Attributions de l'Autorité contractante

Les attributions de l'Autorité contractante sont les suivantes:

1° identifier un projet de PPP et le soumettre au Comité Directeur;

2° entreprendre une étude de faisabilité d'un projet de PPP et le soumettre au Comité Directeur;

3° analyser une étude de faisabilité au cas où elle a été élaborée par un partenaire;

4° effectuer toutes les activités relatives à la procédure de compétition pour la passation des marchés de PPP conformément aux dispositions de la présente loi et donner des rapports au Comité Directeur sur les étapes réalisées ;

5° conclure un accord de PPP avec un partenaire ou un organe à objectif spécial;

6° gutegura gahunda y'imicungire y'amasezerano ya PPP ;

7° gushyiraho amabwiriza yihariye y'ipiganwa ajyanye n'imishinga ya PPP iri mu nshingano zarwo;

8° gutanga raporo ya buri kwezi n'iya buri mwaka kuri Komite Nyobozi igaragaza aho ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya PPP rigeze.

Ingingo ya 10: Uruhare rw'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda

Mu bijyanye n'iri tegeko, Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda rufite uruhare rukurikira:

1° gutanga umurongo rusange ngenderwaho mu ipiganwa ry'imishinga ya PPP;

2° kuyobora imishyikirano ijyanye n'amasezerano ya PPP;

3° kugira inama Guverinoma ku birebana na PPP.

UMUTWE WA III: AMASEZERANO YA PPP

Ingingo ya 11: Uburenganzira bwo gukora amasezerano ya PPP

Urwego rukora amasezerano rugirana amasezerano ya PPP n'umwe muri aba bakurikira:

6º prepare a plan for PPP agreement management;

7º issue sector-specific competition rules relating to PPP projects within its remit;

8º provide to the Steering Committee monthly and annual progress reports on the implementation of PPP agreement.

Article 10: Role of Rwanda Development Board

Pursuant to this Law, Rwanda Development Board plays the following role:

1º to issue general guidelines applicable to the competitive procurement procedures for PPP Projects;

2º to be the lead negotiator during negotiations relating to a PPP agreement;

3º to advise Government on matters relating to PPP.

CHAPTER III: PPP AGREEMENT

Article 11: Authorization to enter into PPP Agreements

The Contracting Authority enters into a PPP agreement with one of the following:

6º préparer un plan de gestion de l'accord de PPP ;

7º édicter les règles de concurrence spécifiques relatives aux projets de PPP rentrant dans ses attributions ;

8º donner au Comité Directeur des rapports mensuels et annuels sur l'état d'avancement de l'exécution de l'accord de PPP.

Article 10: Rôle de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda

Selon la présente loi, l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda joue le rôle suivant:

1º édicter les directives générales applicables à la procédure de compétition dans les projets de PPP;

2º présider les négociations relatives à l'accord de PPP;

3º conseiller l'Etat sur les questions relatives au PPP.

CHAPITRE III: ACCORD DE PPP

Article 11: Autorisation de conclure des accords de PPP

L'Autorité contractante conclut un accord de PPP avec l'un des partenaires suivants:

1° umufatanyabikorwa watsindiye gukora umushinga wa PPP cyangwa wawuhawe bitanyuze mu ipiganwa;

2° urwego rukoreshwa ku mpamvu zihariye rwashyizweho n'umufatanyabikorwa uvugwa mu gace ka mbere k'iyi ngingo.

<u>Ingingo ya 12</u>: Ibikubiye mu masezerano ya PPP

Amasezerano ya PPP agomba kugaragaza ibi ibikurikira:

1° izina ry'Urwego rukora amasezerano n'aho rubarizwa ;

2° izina ry'umufatanyabikorwa n'aho abarizwa cyangwa izina ry'urwego rukoreshwa ku mpamvu zihariye n'aho rubarizwa ;

3° inyito y'umushinga wa PPP;

4° impamvu y'amasezerano ya PPP;

5° itariki amasezerano ya PPP atangira gukurikizwa ;

6° uburenganzira n'inshingano by'Urwego rukora amasezerano;

7° uburenganzira n'inshingano by'umufatanyabikorwa cyangwa urwego rukoreshwa ku mpamvu zihariye;

1° a preferred bidder for a PPP project or a selected partner in a case of unsolicited proposal;

2° special purpose vehicle incorporated by such partner referred to in item 1º of this Article.

<u>Article 12:</u> Provisions of a PPP agreement

The PPP agreement must comprise the following:

1º name and address of the Contracting Authority;

2º name and address of the partner or name and address of the special purpose vehicle;

3º title of PPP project;

4º purpose of PPP agreement;

5º effective date of PPP agreement;

6º rights and obligations of the Contracting Authority;

7º rights and obligations of the Partner or special purpose vehicle;

1° l'attributaire du marché d'un projet de PPP ou un partenaire retenu dans le cas d'une offre non sollicitée ;

2° organe à objectif spécial désigné par le partenaire visé au point 1º du présent article.

<u>Article 12:</u> Dispositions d'un accord de PPP

Un accord de PPP doit comprendre ce qui suit:

1° nom et adresse de l'Autorité contractante;

2° nom et adresse du partenaire ou nom et adresse de l'organe à objectif spécial;

3° titre du projet de PPP ;

4° objet de l'accord de PPP;

5° date d'entrée en vigueur de l'accord de PPP;

6° droits et obligations de l'Autorité contractante;

7° droits et obligations du partenaire ou de l'organe à objectif spécial ;

8° igihe amasezerano ya PPP azamara;

9° uburyo bwo gukemura impaka;

10° uburyo bwo gusesa amasezerano ya PPP;

11° ibindi impande zombi zakumvikanaho bitanyuranyije n'amategeko.

8º duration of the PPP Agreement;

9º dispute resolution mechanisms;

10º modalities for termination of PPP agreement;

11º any other arrangements between both parties agreed upon without contrary to the law.

8º durée de l'Accord de PPP ;

9º mécanismes de résolution de conflit;

10° modalités de résiliation de l'accord de PPP;

11° d'autres ententes convenues entre les deux parties qui ne sont pas contraires à la loi.

UMUTWE WA IV: UBURYO BWO GUKORESHA IPIGANWA MU MUSHINGA WA PPP

Ingingo ya 13: Inyigo y'ikoreka ry'umushinga wa PPP

Mbere yo gutanga itangazo rihamagarira gupiganwa, Urwego rukora amasezerano rugomba gukora inyigo y'ikoreka ry'umushinga wa PPP.

Inyingo y'ikoreka ry'umushinga igomba kugaragaza nibura ibi bikurikira:

1° inyigo yerekeranye n'isoko;

2° isesengura ngenagaciro ry'umushinga;

3° isesengura ry'umushinga mu byerekeranye na tekiniki n'amategeko;

CHAPTER IV: COMPETITIVE PROCUREMENT PROCEDURE FOR A PPP PROJECT

Article 13: Feasibility study for a PPP project

Prior to a tender notice, the Contracting Authority must conduct a feasibility study in connection with the PPP project.

The feasibility study of the project must comprise at least the following:

1º a market study;

2º a value for money analysis;

3º a technical and legal analysis in connection with the project;

CHAPITRE IV: PROCEDURE DE COMPETITION POUR LA PASSATION DE MARCHE POUR UN PROJET DE PPP

Article 13: Etude de faisabilité d'un projet de PPP

Avant le lancement de l'avis d'appel d'offres, l'Autorité contractante doit mener une étude de faisabilité du projet de PPP.

L'étude de faisabilité du projet comprend au moins ce qui suit:

1º une étude de marché;

2º une analyse de rentabilité;

3º une analyse technique et juridique en rapport avec le projet;

4° ingaruka ku bidukikije hashingiwe ku nyigo y'isuzuma ngaruka ku bidukikije yakozwe hakurikijwe amategeko abigenga;

5° ingaruka ku bukungu no ku mibereho y'abaturage;

6° uburyo bwa PPP bwakoreshwa;

7° ingano y'imari y'umushinga n'isesengura mu byerekeye amafaranga ateganywa kwinjizwa ndetse n'ateganywa gukoreshwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga wa PPP.

<u>Ingingo ya 14</u>: Kwemeza inyigo y'ikoreka ry'umushinga wa PPP

Inyigo y'ikoreka ry'umushinga wa PPP iyo irangiye, Urwego rukora amasezerano ruyishyikiriza Komite Nyobozi kugira ngo iyemeze.

Iyo Komite Nyobozi imaze kwemeza inyigo y'ikoreka, ikanemeza ko hatangira uburyo bwo gupiganira umushinga wa PPP, Urwego rukora amasezerano rutegura inyandiko yo kugaragaza ubushake bwo gupiganwa n'izindi nyandiko z'ipiganwa.

4º environmental impact based on an environmental impact assessment made according to relevant laws;

5º economic and social impact;

6º the PPP arrangement options;

7º the budget of the project and a financial analysis of projected revenues and costs in the implementation of the PPP project.

<u>Article 14:</u> Approval of a PPP project feasibility study

After the feasibility study of the PPP project, the Contracting Authority submits it to the Steering Committee for approval.

Where the Steering Committee provides its approval of the feasibility study and authorizes commencement of a competitive procurement procedure for a PPP project, the Contracting Authority drafts the request for expressions of interest and other bidding documents.

4º un impact environnemental basé sur une évaluation de l'impact environnemental effectuée conformément à la loi en la matière;

5º un impact économique et social;

6º les options de l'entente de PPP;

7º le budget du projet et une analyse financière des recettes escomptées et des coûts prévus dans l'exécution du projet de PPP.

<u>Article 14:</u> Approbation de l'étude de faisabilité d'un projet de PPP

Après l'étude de faisabilité du projet de PPP, l'Autorité contractante la soumet au Comité Directeur pour approbation.

Lorsque le Comité Directeur approuve l'étude de faisabilité et l'exécution du projet sous forme de PPP, et autorise le début de la procédure de passation de marché du projet de PPP, l'Autorité contractante prépare les documents de manifestation d'intérêt et autres documents d'appel d'offres.

Ingingo ya 15: Amahame agenga ipiganwa mu mushinga wa PPP

Mu ipiganwa risesuye ry'umushinga wa PPP hagenderwa ku mahame akurikira:

1º gupiganisha;

2º gukorera mu mucyo;

3º gutanga amahirwe angana;

4º gukora neza no kwihutisha akazi;

5º kurengera umutungo n'inyungu rusange;

6º kwirengera ibyemezo byafashwe.

Ingingo ya 16: Gusaba kugaragaza ubushake bwo gupiganwa

Urwego rukora amasezerano ruhamagarira abapiganwa kugaragaza ubushake bwo gupiganira umushinga wa PPP rushyira itangazo mu binyamakuru nibura bibiri bisomwa cyane mu gihugu no mu kinyamakuru nibura kimwe cyo ku rwego mpuzamahanga cyangwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga.

Itangazo risaba kugaragaza ubushake bwo gupiganira umushinga wa PPP rigomba nibura kugaragaza ibi bikurikira:

Article 15: Principles regulating competitive procurement in a PPP project

A competitive procurement procedure for PPP project is governed by the following principles:

1° competition;

2° transparency;

3° fairness and non-discrimination;

4° efficiency and effectiveness;

5° protection of public property and public interest;

6° accountability.

Article 16: Request for expressions of interest

The Contracting Authority requests for expressions of interest in connection with a PPP project through an advertisement published at least in two widely read national newspapers and one international newspaper or through information technology.

The advertisement requesting for expressions of interest in connection with a PPP project must indicate at least the following:

Article 15: Principes régissant la compétition pour la passation de marché dans un projet de PPP

La procédure de compétition pour la passation de marché dans le cadre d'un projet de PPP est régie par les principes suivants:

1° compétition;

2° transparence;

3° équité et non-discrimination;

4° efficacité et efficience;

5° protection du patrimoine public et de l'intérêt général;

6° assumer sa responsabilité.

